

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 018/03 RYO KU WA 26/08/2021 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE KURWANYA ITERABWOBA</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 018/03 OF 26/08/2021 GOVERNING THE NATIONAL COUNTER-TERRORISM COMMITTEE</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 018/03 DU 26/08/2021 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL CONTRE LE TERRORISME</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2: Définitions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: IMITERERE, INSHINGANO N'UBUBASHA BYA KOMITE</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ORGANISATION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE COMMITTEE</u></p>	<p><u>CHAPITRE II: ORGANISATION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU COMITÉ</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Komite</u></p>	<p><u>Article 3: Composition of the Committee</u></p>	<p><u>Article 3: Composition du Comité</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inshingano za Komite</u></p>	<p><u>Article 4: Responsibilities of the Committee</u></p>	<p><u>Article 4: Attributions du Comité</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Ububasha bwa Komite</u></p>	<p><u>Article 5: Powers of the Committee</u></p>	<p><u>Article 5: Pouvoirs du Comité</u></p>
<p><u>UMUTWE WA III: IMIKORERE YA KOMITE</u></p>	<p><u>CHAPTER III: FUNCTIONING OF COMMITTEE</u></p>	<p><u>CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU COMITÉ</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Inama za Komite</u></p>	<p><u>Section One: Meetings of the Committee</u></p>	<p><u>Section première: Réunions du Comité</u></p>

<u>Ingingo ya 6:</u> Itumizwa ry’Inama ya Komite	<u>Article 6:</u> Convening the meeting of the Committee	<u>Article 6:</u> Convocation de la réunion du Comité
<u>Ingingo ya 7:</u> Iterana ry’inama ya Komite	<u>Article 7:</u> Holding of a meeting of the Committee	<u>Article 7:</u> Tenue d’une réunion du Comité
<u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bwo gushyira ku rutonde rw’ imbere mu Gihugu	<u>Section 2:</u> Procedure for domestic designation	<u>Section 2:</u> Procédure pour la désignation interne
<u>Ingingo ya 8:</u> Ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde	<u>Article 8:</u> Designation criteria	<u>Article 8:</u> Critères de désignation
<u>Ingingo ya 9:</u> Ubusabe bw’ikindi gihugu bwo gushyira umuntu ku rutonde	<u>Article 9:</u> Foreign country request for designating a person	<u>Article 9:</u> Demande de désignation d’une personne par un État étranger
<u>Ingingo ya 10:</u> Gutangaza no kumenyekanisha ugushyira ku rutonde	<u>Article 10:</u> Publication and dissemination of designation	<u>Article 10:</u> Publication et communication de la désignation
<u>Ingingo ya 11:</u> Kumenyesha uwashyizwe ku rutonde	<u>Article 11:</u> Notification of designation	<u>Article 11:</u> Notification de la désignation
<u>Ingingo ya 12:</u> Gusaba gusibwa ku rutonde no kwiambaza inkiko	<u>Article 12:</u> Appeal for reconsideration and court referral	<u>Article 12:</u> Recours pour modification et recours à la juridiction
<u>Ingingo ya 13:</u> Gusiba ku rutonde rw’igihugu	<u>Article 13:</u> Domestic delisting	<u>Article 13:</u> Radiation sur liste interne
<u>Icyiciro cya 3:</u> Uburyo bwerekeye gushyira ku rutonde mpuzamahanga	<u>Section 3:</u> International designation procedure	<u>Section 3:</u> Procédure relative à la désignation internationale

<p><u>Ingingo ya 14:</u> Kumenyekanisha urutonde rw'ibihano by'umuryango w'abibumbye</p>	<p><u>Article 14:</u> Dissemination of United Nations Sanctions list</p>	<p><u>Article 14:</u> Diffusion de la liste des sanctions des Nations Unies</p>
<p><u>Ingingo ya 15:</u> Ubusabe bwo gushyira umuntu ku rutonde mpuzamahanga</p>	<p><u>Article 15:</u> International designation proposal</p>	<p><u>Article 15:</u> Proposition de la désignation internationale</p>
<p><u>Ingingo ya 16:</u> Kumenyeshya uwashyizwe ku rutonde</p>	<p><u>Article 16:</u> Notification of designation</p>	<p><u>Article 16:</u> Notification de la désignation</p>
<p><u>Ingingo ya 17:</u> Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde</p>	<p><u>Article 17:</u> Request for delisting</p>	<p><u>Article 17:</u> Demande de radiation</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Ubusabe bwo gusiba ku rutonde abantu bapfuye n'ibigo bitakiriho</p>	<p><u>Article 18:</u> Delisting requests for dead individuals and defunct entities</p>	<p><u>Article 18:</u> Demandes de radiation pour les personnes décédées et les entités défuntes</p>
<p><u>Ingingo ya 19:</u> Gutangaza, kumenyeshya, no kumenyekanisha ugusiba ku rutonde</p>	<p><u>Article 19:</u> Publication, notification, and dissemination of delisting</p>	<p><u>Article 19:</u> Publication, notification et diffusion de la radiation</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ZISOZA</p>	<p><u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISIONS</p>	<p><u>CHAPITRE IV:</u> DISPOSITIONS FINALES</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</p>	<p><u>Article 20:</u> Authorities responsible for the implementation of this Order</p>	<p><u>Article 20:</u> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri keka</p>	<p><u>Article 21:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 21:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 22:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 22:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 018/03 RYO KU WA 26/08/2021 RIGENGA KOMITE Y'IGIHUGU ISHINZWE KURWANYA ITERABWOBA</p> <p>Minisitiri w'Intebe;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 46/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye kurwanya iterabwoba nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 40 bis;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 11/08/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>PRIME MINISTER'S ORDER N° 018/03 OF 26/08/2021 GOVERNING THE NATIONAL COUNTER-TERRORISM COMMITTEE</p> <p>The Prime Minister;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 119, 120, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 46/2018 of 13/08/2018 on counter-terrorism as amended to date, especially in Article 40 bis;</p> <p>On proposal by the Minister of Justice and Attorney General;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 11/08/2021;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 018/03 DU 26/08/2021 RÉGISSANT LE COMITÉ NATIONAL CONTRE LE TERRORISME</p> <p>Le Premier Ministre;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 46/2018 du 13/08/2018 relative à la lutte contre le terrorisme telle que modifiée à ce jour, spécialement en son article 40 bis;</p> <p>Sur proposition du Ministre de la Justice et Garde des Sceaux;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 11/08/2021;</p> <p>ARRÊTE:</p>
--	---	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier: Objet du présent arrêté</u>
Iri teka rigena abagize Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba, imiterere, imikorere, inshingano n'ububasha byayo, yitwa « Komite » mu ngingo zikurikira.	This Order determines the composition, organization, functioning, responsibilities and powers of the National Counter Terrorism Committee, hereinafter referred to as "Committee".	Le présent arrêté détermine la composition, l'organisation, le fonctionnement, les attributions et les pouvoirs du Comité national contre le terrorisme, ci-après dénommé « Comité ».
<u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u>	<u>Article 2: Definitions</u>	<u>Article 2: Définitions</u>
Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:	In this Order, the following terms have the following definitions:	Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes:
1° gushyira ku rutonde: gushyira umuntu ku rutonde rw'Igihugu nk'ukora ibikorwa by'Iterabwoba cyangwa nk'umuterankunga wabyo cyangwa gushyira umuntu ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye bikozwe na Komite ishinzwe ibihano y'Umuryango w'Abibumbye ibifitiye ububasha;	1° designation: listing a person at domestic level as a terrorist or terrorist financier or listing a person on the United Nations Sanctions list by a relevant United Nations Sanctions Committee;	1° désignation: désignation d'une personne au niveau national en tant que terroriste ou financier de terrorisme ou la désignation d'une personne sur la liste des sanctions des Nations Unies par un Comité des sanctions des Nations Unies compétent;
2° gusiba ku rutonde: gusiba izina ry'umuntu ku rutonde rw'igihugu cyangwa ku rutonde rw'ibihano mpuzamahanga;	2° delisting: write off a person's names from the domestic list or the international sanctions list;	2° radiation: effacer le nom d'une personne de la liste nationale ou de la liste internationale de sanctions;

<p>3° urutonde rw'Igihugu: urutonde rw'abakora ibikorwa by'iterabwoba n'abaterankunga babyo rwateguwe kandi rwemejwe na Komite y'Igihugu ishinzwe kurwanya iterabwoba;</p>	<p>3° domestic list: the list of terrorists and terrorist financiers prepared and approved by the National Counter Terrorism Committee;</p>	<p>3° liste nationale: la liste de terroristes et de financiers de terrorisme préparée et approuvée par le Comité national de lutte contre le terrorisme;</p>
<p>4° imboni: umuntu ushyizweho mu Bunyamabanga bw'Umuryango w'Abibumbye hashingiwe ku cyemezo 1730 (2006) cy'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano;</p>	<p>4° focal Point: the focal point established within the United Nations Secretariat under the United Nations Security Council Resolution 1730 (2006);</p>	<p>4° point focal: le point focal établi au sein du Secrétariat des Nations Unies en vertu de la résolution 1730 (2006) du Conseil de Sécurité des Nations Unies;</p>
<p>5° abashinzwe gutanga amakuru: abantu bagaragazwa ku rutonde ruteganyijwe mu Itegeko n° 75/2019 ryo ku wa 29/01/2020 rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwara za kirimbuzi nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;</p>	<p>5° reporting persons: persons whose list is provided for by Law N° 75/2019 of 29/01/2020 on prevention and punishment of money laundering, financing of terrorism and financing of proliferation of weapons of mass destruction as amended to date;</p>	<p>5° personnes déclarantes: les personnes dont la liste est prévue dans la Loi n° 75/2019 du 29/01/2020 portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive telle que modifiée à ce jour;</p>
<p>6° urutonde rw'ibihano: Urutonde rw'ibihano 1267/1989 Al-Qaida, urutonde rw'ibihano rwa 1988 cyangwa urundi rutonde rusa n'izo rwashyizweho n'Akanama gashinzwe umutekano;</p>	<p>6° sanctions list: the 1267/1989 Al-Qaida sanctions list, the 1988 sanctions list or other similar list issued by the Security Council;</p>	<p>6° liste des sanctions: la liste des sanctions 1267/1989 Al-Qaida, la liste des sanctions de 1988 ou une autre liste semblable établie par le Conseil de Sécurité;</p>
<p>7° urwego rugenzura: urwego rushyiraho amabwiriza agenga abashinzwe gutanga amakuru,</p>	<p>7° supervisory authority: the authority regulating, supervising, controlling or</p>	<p>7° autorité de supervision: autorité qui règlemente, supervise, contrôle ou fait le</p>

<p>kubagenzura cyangwa gukurikirana imikorere yabo.</p>	<p>monitoring the functioning of reporting persons.</p>	<p>suivi du fonctionnement des personnes déclarantes.</p>
<p>UMUTWE WA II: IMITERERE, INSHINGANO N’UBUBASHA BYA KOMITE</p>	<p>CHAPTER II: ORGANISATION, RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE COMMITTEE</p>	<p>CHAPITRE II: ORGANISATION, ATTRIBUTIONS ET POUVOIRS DU COMITÉ</p>
<p><u>Ingingo ya 3: Abagize Komite</u></p>	<p><u>Article 3: Composition of the Committee</u></p>	<p><u>Article 3: Composition du Comité</u></p>
<p>Komite igizwe n’aba bakurikira:</p>	<p>The Committee is composed of the following members:</p>	<p>Le Comité est composé des membres suivants:</p>
<p>1° Umushinjacyaha Mukuru, Perezida;</p>	<p>1° Prosecutor General, Chairperson;</p>	<p>1° le Procureur Général, Président</p>
<p>2° Umunyamabanga Mukuru Wungirije w’Urwego rw’ Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha, Visi Perezida;</p>	<p>2° Deputy Secretary General of Rwanda Investigation Bureau, Vice Chairperson;</p>	<p>2° le Secrétaire Général Adjoint de l’Office Rwandais d’Investigation, Vice-Président;</p>
<p>3° Guverineri Wungirije wa Banki Nkuru y’Igihugu;</p>	<p>3° Deputy Governor of the National Bank of Rwanda;</p>	<p>3° le Gouverneur Adjoint de la Banque Nationale du Rwanda;</p>
<p>4° Umuyobozi Mukuru w’Urwego rushinzwe Ubutasi ku Imari, Umwanditsi;</p>	<p>4° Director General of Financial Intelligence Centre, Rapporteur;</p>	<p>4° le Directeur Général du Centre de Renseignement Financier, Rapporteur;</p>
<p>5° Umuyobozi Mukuru ushinzwe Abinjira n’Abasohoka mu Gihugu;</p>	<p>5° Director General of Immigration and Emigration in in Rwanda;</p>	<p>5° le Directeur Général de l’Immigration et de l’Émigration;</p>
<p>6° Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y’Ububanyi n’ amahanga n’Ubutwererane;</p>	<p>6° Permanent Secretary in the Ministry of Foreign Affairs and international Cooperation;</p>	<p>6° le Secrétaire Permanant au sein du Ministère des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale;</p>

<p>7° Komiseri ushinzwe kurwanya iterabwoba muri Polisi y'u Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Inshingano za Komite</u></p> <p>Komite ifite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya iterabwoba;</p> <p>2° gutangaza urutonde rw'Igihugu;</p> <p>3° kumenya umuntu wujuje ibisabwa kugira ngo ashirwe ku rutonde rw'ibihano rw'Umuryango w'Abibumbye,</p> <p>4° gusaba Komite y'Umuryango w'Abibumbye bireba gushyira umuntu ku rutonde;</p> <p>5° gusaba ikindi gihugu gushyira umuntu ku rutonde,</p> <p>6° gusuzuma ubusabe by'igihugu cy'amahanga bwo gushyira ku rutonde;</p>	<p>7° Commissioner for Counter terrorism in Rwanda National Police.</p> <p><u>Article 4: Responsibilities of the Committee</u></p> <p>The Committee has the following responsibilities:</p> <p>1° to develop strategies for counter terrorism;</p> <p>2° to publish the domestic list;</p> <p>3° to identify a person that meets the listing criteria for designation on the United Nations Sanctions List;</p> <p>4° to make proposals to the relevant United Nations Sanctions Committee for the designation of a person;</p> <p>5° to request another country to make a designation;</p> <p>6° to consider foreign country requests for designation;</p>	<p>7° le Commissaire responsable de la lutte contre le terrorisme au sein de la Police Nationale du Rwanda.</p> <p><u>Article 4: Attributions du Comité</u></p> <p>Le Comité a les attributions suivantes:</p> <p>1° développer des stratégies de lutte contre le terrorisme;</p> <p>2° publier la liste nationale;</p> <p>3° identifier une personne répondant aux critères de désignation sur la liste des sanctions des Nations Unies;</p> <p>4° faire des propositions au Comité des Sanctions des Nations Unies compétent pour la désignation d'une personne;</p> <p>5° demander à un autre pays de faire une désignation;</p> <p>6° examiner les demandes de désignation faites par un pays étranger;</p>
---	--	--

<p>7° gusuzuma ubusabe bwo gusiba ku rutonde;</p> <p>8° gusuzuma no kuvugurura urutonde rw'igihugu mu gihe ari ngombwa;</p> <p>9° gutangariza abantu amakuru mashya y'abashyizwe n'abasibwe ku rutonde;</p> <p>Komite ishobora gushyiraho udukomite iyo bibaye ngombwa kugira ngo tuyifashe kurangiza inshingano zayo.</p> <p>Komite ishobora kandi gushyira mu gakomite yashyizeho, undi muntu wese iyo kukabamo, kukagiramo uruhare, ubumenyi bwe cyangwa ubunararibonye bwe ari ngombwa mu kuyifasha kurangiza inshingano zayo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ububasha bwa Komite</u></p> <p>Komite ifite ububasha bukurikira:</p> <p>1° kugera ku makuru yerekeye imari, ubuyobozi n'iyubahirizwa ry'amategeko;</p> <p>2° gusaba inyandiko zayifasha kurangiza inshingano zayo;</p> <p>3° gushyira no gusiba ku rutonde.</p>	<p>7° to consider requests for delisting;</p> <p>8° to review and, where applicable, update the domestic list;</p> <p>9° to issue a public notice on updates related to designation and delisting;</p> <p>The Committee may set up such subcommittees as it considers necessary to assist it in the discharge of its functions.</p> <p>The Committee may co-opt, into any subcommittee, such other persons whose presence, participation, knowledge or skills are necessary to assist it in the discharge of its functions.</p> <p><u>Article 5: Powers of the Committee</u></p> <p>The Committee has the following powers:</p> <p>1° to access financial, administrative and law enforcement information;</p> <p>2° to request for documents which may help the Committee to achieve its mission;</p> <p>3° to make designation and delisting.</p>	<p>7° examiner les demandes de radiation;</p> <p>8° réviser et, le cas échéant, mettre à jour la liste nationale;</p> <p>9° publier un avis public sur les mises à jour relatives à la désignation et à la radiation;</p> <p>Le Comité peut créer les sous-comités qu'il juge nécessaires pour l'assister dans l'exercice de ses fonctions.</p> <p>Le Comité peut coopter, dans tout sous-comité, toute autre personne dont la présence, la participation, les connaissances ou les compétences sont nécessaires pour l'assister dans l'exercice de ses fonctions.</p> <p><u>Article 5: Pouvoirs du Comité</u></p> <p>Le Comité a les pouvoirs suivants:</p> <p>1° accéder aux informations financières, administratives et celles relatives à l'application des lois;</p> <p>2° demander des documents susceptibles d'aider le Comité à accomplir sa mission;</p> <p>3° faire les désignations et radiations.</p>
---	--	---

UMUTWE WA III: IMIKORERE YA KOMITE	CHAPTER III: FUNCTIONING OF COMMITTEE	CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DU COMITÉ
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inama za Komite	<u>Section One:</u> Meetings of the Committee	<u>Section première:</u> Réunions du Comité
<u>Ingingo ya 6:</u> Itumizwa ry’Inama ya Komite	<u>Article 6:</u> Convening the meeting of the Committee	<u>Article 6:</u> Convocation de la réunion du Comité
<p>Inama ya Komite itumizwa kandi ikayoborwa n’Umuyobozi wayo cyangwa Umuyobozi wayo Wungirije iyo Umuyobozi adahari.</p>	<p>The meeting of the Committee is convened and chaired by the Chairperson or the Deputy Chairperson in absence of the Chairperson.</p>	<p>La réunion du Comité est convoquée et présidée par le Président ou le Vice-président, en cas d’absence du Président.</p>
<p>Abagize Komite batumirwa mu nama yayo nibura iminsi cumi n’ine (14) mbere y’uko inama iterana hakoreshejwe urwandiko rw’ubutumire rukubiyemo ibiri ku murongo w’ibyigwa uherekejwe n’inyandiko zizifashishwa mu nama.</p>	<p>Members of the Committee are invited to its meeting at least fourteen (14) days before the date of the meeting through an invitation letter that contains the agenda accompanied by working documents.</p>	<p>Les membres du Comité sont invités à sa réunion au moins quatorze (14) jours avant la tenue de la réunion par voie de lettre d’invitation indiquant l’ordre du jour accompagné des documents de travail.</p>
<u>Ingingo ya 7:</u> Iterana ry’inama ya Komite	<u>Article 7:</u> Holding of a meeting of the Committee	<u>Article 7:</u> Tenue d’une réunion du Comité
<p>Inama ya Komite iterana kabiri mu mwaka n’ikindi gihe cyose bibaye ngombwa, igaterana ku matariki n’ahantu bigenwa na Perezida wayo. Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ya Komite iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by’abayigize.</p>	<p>The meeting of the Committee is held twice a year and whenever necessary at such time and place as the Chairperson may determine. The quorum for the meeting of the Committee to be held is two thirds (2/3) of its members.</p>	<p>La réunion du Comité se tient deux fois par an et chaque fois que de besoin aux dates et lieux déterminés par le Président. Le quorum pour la tenue de la réunion du Comité est de deux tiers (2/3) de ses membres.</p>
<p>Inama zitabirwa n’abagize Komite ubwabo. Guhagararirwa ntibyemewe.</p>	<p>The meeting is attended by members of the Committee themselves. No delegation is allowed.</p>	<p>La réunion est suivie par les membres du Comité en personne. Aucune délégation n’est autorisée.</p>

<p>Komite ishiraho amabwiriza agenga inama zayo n’uburyo inama zikorwa.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bwo gushyira ku rutonde rw’ imbere mu Gihugu</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibishingirwaho mu gushyira ku rutonde</p> <p>Umuntu umenye amakuru yafasha gushyira umuntu ku rutonde rw’ Igihugu atanga ayo makuru kuri Komite.</p> <p>Komite ishyira umuntu ku rutonde iyo ifite impamvu zumvikana zerekana ko uwo muntu akekweho bimwe mu bikorwa bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gukora cyangwa kugerageza gukora igikorwa cy’iterabwoba, gutera inkunga cyangwa kugerageza gutera inkunga ibikorwa by’ iterabwoba cyangwa abantu babikora; 2° kugira uruhare cyangwa gufasha mu gukora igikorwa cy’iterabwoba; 3° kwemera kuba mu maboko cyangwa gucungwa ku buryo buziguye cyangwa butaziguye n’umuntu washyizwe ku rutonde; 	<p>The Committee regulates its meetings and proceedings.</p> <p><u>Section 2:</u> Procedure for domestic designation</p> <p><u>Article 8:</u> Designation criteria</p> <p>A person who becomes aware of any information relevant to the designation of a person on domestic list transmits that information to the Committee.</p> <p>The Committee designates a person where it is satisfied on reasonable grounds that the person is suspected on one of the following acts:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to commit or attempt to commit a terrorist act, to finance or attempt to finance, terrorist acts or terrorist persons; 2° to participate in or to facilitate the commission of a terrorist act; 3° to accept to be owned or controlled, directly or indirectly, by a designated person; 	<p>Le Comité réglemente ses réunions et les procédures de délibération.</p> <p><u>Section 2:</u> Procédure pour la désignation interne</p> <p><u>Article 8:</u> Critères de désignation</p> <p>Une personne qui prend connaissance de toute information relative à la désignation d’une personne sur la liste nationale transmet cette information au Comité.</p> <p>Le Comité désigne une personne lorsqu’il est convaincu, pour des motifs raisonnables, qu’elle est soupçonnée de l’un des actes suivants:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° commettre ou tenter de commettre un acte terroriste, financer ou tenter de financer des actes ou personnes terroristes; 2° participer ou faciliter la commission d'un acte terroriste; 3° accepter d’être détenue ou contrôlée, directement ou indirectement, par une personne désignée;
---	--	---

Official Gazette n° Special of 26/08/2021

<p>4° gukora mu izina ry'umuntu washyizwe ku rutonde cyangwa guhabwa amabwiriza na we;</p>	<p>4° to act on behalf or at the direction of a designated person;</p>	<p>4° agir au nom ou sur instruction d'une personne désignée;</p>
<p>5° kugira uruhare mu gutera inkunga, gutegura, gufasha cyangwa gukora ibikorwa by'iterabwoba bikozwe n'umuntu washyizwe ku rutonde, afatanyije na we, mu izina rye, abimukorera cyangwa abimufashamo;</p>	<p>5° to participate in the financing, planning, facilitating, preparing, or perpetrating of terrorist acts or activities by, in conjunction with, under the name of, on behalf of, or in support of, a designated person;</p>	<p>5° participer au financement, à la planification, à la facilitation, à la préparation ou à la perpétration d'actes ou d'activités terroristes, par une personne inscrite conjointement avec, sous le nom, pour le compte ou à l'appui d'une personne désignée;</p>
<p>6° guha, kugurisha, kohereza cyangwa gufasha kubona intwari cyangwa ibikoresho bifitanye isano na zo, umuntu washyizwe ku rutonde;</p>	<p>6° to supply, sell, transfer or facilitate the access to arms or any related material to a designated person;</p>	<p>6° fournir, vendre, transférer ou faciliter l'accès aux armes ou à tout matériel connexe à une personne désignée;</p>
<p>7° gushakira abakozi umuntu washyizwe ku rutonde cyangwa gutera inkunga ibikorwa bye mu bundi buryo;</p>	<p>7° to recruit for or otherwise support acts or activities of a designated person;</p>	<p>7° recruter pour une personne désignée ou soutenir autrement ses actes ou activités;</p>
<p>8° gutera inkunga urugendo rw'umuntu ku giti cye agamije gukora, gutegura cyangwa kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba cyangwa agamije gutanga cyangwa kubona amahugurwa y'iterabwoba;</p>	<p>8° to finance the travel of an individual for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in, terrorist acts or for the purposes of providing or receiving terrorist training;</p>	<p>8° financer le voyage d'une personne physique aux fins de la perpétration, de la planification ou de la préparation ou de la participation à des actes terroristes ou aux fins de fournir ou recevoir une formation terroriste;</p>
<p>9° gukora urugendo, kugerageza kurukora cyangwa guteganya kurukora ugamije gukora, gutegura cyangwa kugira uruhare mu bikorwa</p>	<p>9° to travel, attempt to travel or intend to travel for the purpose of the perpetration, planning or preparation of, or participation in terrorist</p>	<p>9° voyager, tenter de voyager ou avoir l'intention de voyager aux fins de la perpétration, de la planification, de la préparation ou de la participation à des</p>

Official Gazette n° Special of 26/08/2021

<p>by'iterabwoba cyangwa ugamije gutanga cyangwa kubona amahugurwa y'iterabwoba;</p>	<p>acts or for the purposes of providing or receiving terrorist training;</p>	<p>actes terroristes ou pour fins de fournir ou de recevoir une formation terroriste;</p>
<p>10° gutanga cyangwa guhabwa amahugurwa y'iterabwoba;</p>	<p>10° to provide or receive terrorist training;</p>	<p>10° fournir ou recevoir une formation terroriste;</p>
<p>11° kugira uruhare mu gukora, gutegura cyangwa gutangiza igikorwa cy'iterabwoba mpuzamahanga;</p>	<p>11° to be concerned in the commission, preparation or instigation of an act of international terrorism;</p>	<p>11° être impliquée dans la commission, la préparation ou l'instigation d'un acte de terrorisme international;</p>
<p>12° kugira uruhare mu gukora, gutegura cyangwa gushishikariza abandi igikorwa cyo gutera inkunga ikwirakwizwa ry'intwara za kirimbuzi;</p>	<p>12° to be involved in the commission, preparation or instigation of an act of financing of proliferation of weapons of mass destruction;</p>	<p>12° être impliquée dans la commission, la préparation ou l'instigation d'un acte de financement de la prolifération des armes de destruction massive;</p>
<p>13° kuba umunyamuryango cyangwa nyir'ikigo cyashyizwe ku rutonde;</p>	<p>13° to be a member of, or the owner of a designated entity;</p>	<p>13° être membre ou propriétaire d'une entité désignée;</p>
<p>14° kugira aho ahuriye n'umuntu washyizwe ku rutonde, kandi hari impamvu yumvikana ko uwo muntu abangamiye umutekano w'igihugu;</p>	<p>14° to have links with a designated person, and it is reasonably believed that the person is a risk to the national security;</p>	<p>14° avoir des liens avec une personne désignée lorsqu' il est raisonnable de croire que cette personne représente un risque pour la sécurité nationale;</p>
<p>15° gukekwa kugira uruhare mu bikorwa by'iterabwoba by'ikindi gihugu cyangwa umuryango;</p>	<p>15° to be considered to be involved in a terrorist act by another State or other organization;</p>	<p>15° être considérée comme impliquée dans un acte terroriste commis par un autre tat ou une autre organisation;</p>
<p>16° kwemera kugenzurwa cyangwa gukoreshwa n'abari hanze y'u Rwanda kandi Komite y'igihugu yo</p>	<p>16° to accept to be subject to the control or influence of persons outside Rwanda, and the National Counter Terrorism Committee</p>	<p>16° accepter d'être soumis au contrôle ou à l'influence de personnes extérieures au Rwanda, et le Comité national de lutte</p>

<p>kurwanya iterabwoba ifite impamvu zumvikana zo gukeka ko afite uruhare mu ikorwa, itegurwa ry'ibikorwa by'iterabwoba mpuzamahanga cyangwa kubishishikariza abandi.</p> <p>Igikorwa cyo gushyira ku rutonde hashingiwe kuri iyi ngingo ntigisaba ko habaho ikurikiranacyaha kandi gikorwa bitabanje kumenyeshwa umuntu ushobora gushyirwa ku rutonde.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ubusabe bw'ikindi gihugu bwo gushyira umuntu ku rutonde</u></p> <p>Igihugu gisaba ishyirwa ku rutonde ry'umuntu, gishingiye ku byemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano cyangwa ku zindi nshingano mpuzamahanga zishingiye ku mategeko, gishyikiriza Leta y'u Rwanda ibisobanuro kuri ubwo busabe binyuze mu nzira zikwiye za dipolomasi.</p> <p>Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu nshingano, ikimara kwakira ubusabe bukozwe hashingiwe ku gika cya mbere cy'iyi ngingo, ihita ishyikiriza ubwo busabe Komite.</p> <p>Ubusabe bwo gushyira umuntu ku rutonde bugaragaza nibura ibi bikurikira:</p>	<p>reasonably suspects that he or she is concerned in the commission, preparation or instigation of an act of international terrorism.</p> <p>A designation under this Article is not conditional upon the existence of criminal proceedings and operates without prior notice to the proposed designated person.</p> <p><u>Article 9: Foreign country request for designating a person</u></p> <p>Any country which, pursuant to United National Security Council Resolutions or any other international legal obligation, makes a request to designate a person transmits the details of such request to the Government of Rwanda through the appropriate diplomatic channels.</p> <p>The Ministry in charge of foreign affairs, on receipt of a request made under paragraph One of this Article, immediately, submits the request to the Committee.</p> <p>A request to designate a person provides at least the following:</p>	<p>contre le terrorisme soupçonne raisonnablement qu'elle est impliquée dans la commission, la préparation ou l'instigation d'un acte de terrorisme international.</p> <p>Une désignation en vertu du présent article n'est pas subordonnée à l'existence d'une procédure pénale et s'opère sans notification préalable à la personne proposée à être désignée.</p> <p><u>Article 9: Demande de désignation d'une personne par un État étranger</u></p> <p>Tout État qui fait la demande de désignation d'une personne, sur base des résolutions du Conseil de Sécurité des Nations Unies ou d'autres obligations légales internationales, transmet les détails de cette demande au Gouvernement Rwandais par voies diplomatiques appropriées.</p> <p>Le Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions qui reçoit la demande faite selon l'alinéa premier du présent article, transmet sans délai la demande au Comité.</p> <p>La demande de désignation d'une personne comprend au moins les informations suivantes:</p>
--	--	--

<p>1° Amakuru ya ngombwa ku muntu usabirwa gushyirwa ku rutonde, harimo amakuru ahagije atuma uwo muntu amenyekana ku buryo budashidikanywaho kandi bwiza;</p> <p>2° impamvu zashingiweho hasabwa ko umuntu ashirwa ku rutonde, harimo amakuru yihariye ashimangira ko uwo muntu yujuje ibishingirwaho bashyira abantu ku rutonde ndetse n’andi makuru cyangwa inyandiko byunganira.</p> <p>Gushyira uwo muntu ku rutonde bikorwa hubahirijwe ibishingirwaho biteganywa mu ngingo ya 8 y’iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Gutangaza no kumenyekanisha ugushyira ku rutonde</u></p> <p>Nyuma gushyira ku rutonde, urutonde rw’ Igihugu rutangazwa ku rukuta rwa murandasi rwa Minisiteri ifite ubutabera mu nshingo mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n’umunani (48). Urwo rutonde rw’Igihugu rugaragaza ibi bikurikira:</p>	<p>1° relevant information on the person proposed to be designated, including sufficient identifying information to allow for the accurate and positive identification of the person;</p> <p>2° the basis for the proposed designation, including specific information to support a determination that the person meets the relevant designation criteria together with any other supporting information or documents;</p> <p>Designation of such a person is carried out in accordance with criteria provided for in Article 8 of this Order.</p> <p><u>Article 10: Publication and dissemination of designation</u></p> <p>After designation, the domestic list of designated persons is published on the website of the Ministry in charge of justice within forty-eight (48) hours. The domestic list indicates the following:</p>	<p>1° des informations nécessaire sur la personne proposée d’être désignée, notamment les informations suffisantes permettant une identification précise et positive de la personne;</p> <p>2° des raisons sur base desquelles la proposition de désignation est fondée, notamment les informations spécifiques qui corroborent une détermination que cette personne remplit les critères de désignation requis et toute autre information ou document justifiant la demande.</p> <p>La désignation d’une telle personne est faite en conformité avec des critères prévus à l’article 8 du présent arrêté.</p> <p><u>Article 10: Publication et communication de la désignation</u></p> <p>Après la désignation, la liste nationale des personnes désignées est publiée sur le site web du Ministère ayant la justice dans ses attributions endéans quarante-huit (48) heures. Cette liste nationale indique ce qui suit:</p>
--	---	--

Official Gazette n° Special of 26/08/2021

<p>1° amazina y'umuntu, harimo n'irihimbano cyangwa icyo izina ry'icyubahiro cy'akazi;</p> <p>2° aho yavukiye n'itariki yavukiyeho, cyangwa y'ishingwa ry'ikigo;</p> <p>3° ubwenegihugu bw'inkomoko cyangwa ubwo yahawe;</p> <p>4° numero ya pasiporo, iy'indangamuntu cyangwa numero y'iyandikisha ry'ikigo;</p> <p>5° igitsina;</p> <p>6° aho abarizwa n'agasanduku k'ipositake;</p> <p>7° icyo akora;</p> <p>8° numero ya telefoni;</p> <p>9° andi makuru Komite isanga ko ari ngombwa.</p> <p>Urwego rishinzwe Ubutasi ku Mari ruhita rumenyekanisha urutonde rw'Igihugu ku rwego rugenzura, ku bashinzwe gutanga amakuru no ku zindi nzego za Leta cyangwa iz'abikorera bireba.</p>	<p>1° the name including any alias or title of the person;</p> <p>2° the place and date of birth, establishment or incorporation;</p> <p>3° the original or acquired nationality;</p> <p>4° passport numbers, identity card numbers or registration number;</p> <p>5° sex;</p> <p>6° physical and postal addresses;</p> <p>7° occupation;</p> <p>8° telephone number;</p> <p>9° any other information which the Committee may consider relevant.</p> <p>The Financial Intelligence Centre immediately disseminates the domestic list to the supervisory authority, the reporting persons, and any other relevant public or private institution.</p>	<p>1° le nom, y compris les surnoms ou titre de la personne;</p> <p>2° le lieu et la date de naissance, d'établissement ou d'incorporation;</p> <p>3° la nationalité d'origine ou d'acquisition;</p> <p>4° le numéro de passeport, de la carte d'identité ou le numéro d'enregistrement;</p> <p>5° le sexe;</p> <p>6° l'adresse physique et postale;</p> <p>7° l'occupation;</p> <p>8° le numéro de téléphone;</p> <p>9° toute autre information que le Comité considère nécessaire.</p> <p>Le Centre de Renseignement Financier communique immédiatement la liste nationale à l'autorité de supervision, aux personnes déclarantes et à toute autre institution publique ou privée concernée.</p>
--	---	--

<u>Ingingo ya 11: Kumenyesha uwashyizwe ku rutonde</u>	<u>Article 11: Notification of designation</u>	<u>Article 11: Notification de la désignation</u>
<p>Nyuma yo gushyira ku rutonde, Komite imenyeshya umuntu washyizwe ku rutonde mu gihe kitarenze amasaha mironko ine n'umunani (48) ibi bikurikira:</p>	<p>The Committee, after designation, informs within forty-eight (48) hours the designated person of the following:</p>	<p>Après la désignation, le Comité informe la personnes désignée des informations suivantes endéans quarante-huit (48) heures:</p>
<ul style="list-style-type: none"> 1° impamvu yashyizwe ku rutonde; 2° amakuru yashingiweho ashirwa ku rutonde, uretse amakuru Komite ibona ko adakwiye gutangazwa kubera impamvu z'umutekano w'Igihugu; 3° uburenganzira afite bwo kwiyambaza inkiko; 4° andi makuru Komite yagena. 	<ul style="list-style-type: none"> 1° the grounds for designation; 2° the information relied on in making the designation, with the exception of information which, in the opinion of the Committee, should not be disclosed on the grounds of national security; 3° the right to make an application for judicial review; 4° any other information that the Committee may determine. 	<ul style="list-style-type: none"> 1° les raisons de la désignation; 2° les informations sur base desquelles la désignation s'est basée, à l'exception de celles que, le Comité considère opportun de ne pas divulguer en raison de la sécurité nationale; 3° le droit de recours pour révision judiciaire; 4° toute autre information que le Comité peut déterminer.
<p>Iyo uwashyizwe ku rutonde ari umunyarwanda cyangwa ari umuntu uba mu Rwanda, cyangwa ikigo cyanditse cyangwa gikorera mu Rwanda, Komite imenyeshya ishishirwa ku rutonde aho uwashyizwe ku rutonde atuye bwa nyuma cyangwa aho akorera mu Rwanda.</p>	<p>If a designated person is a citizen or resident of Rwanda, or is registered or incorporated in Rwanda, the Committee causes the notice issued to be served at the designated person's last known residence address or business address in Rwanda.</p>	<p>Si la personne désignée est un citoyen rwandais ou un résident du Rwanda, ou est enregistrée ou incorporée au Rwanda, le Comité fait signifier l'avis à la dernière résidence de la personne désignée ou à l'adresse où elle fait ses affaires au Rwanda.</p>

<p><u>Ingingo ya 12: Gusaba gusibwa ku rutonde no kwiyambaza inkiko</u></p> <p>Umuntu washyizwe ku rutonde utishimiye icyemezo cyamufatiwe ashobora gusaba, ku rwego rwa mbere, Komite, gusubira ku cyemezo.</p> <p>Gusaba gukurwa ku rutonde bikorwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uherye igihe uwashyizwe ku rutonde yamenyesherejweho icyemezo cyamufatiwe. Komite ifata icyemezo kuri ubwo busabe maze ikakimenyesha uwashyizwe ku rutonde mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) uherye igihe yakiriye ubusabe.</p> <p>Iyo uwashyizwe ku rutonde atishimiye icyemezo cyafashwa na Komite ku busabe bwe ashobora kwiyambaza inkiko hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Gusiba ku rutonde rw'igihugu</u></p> <p>Komite ikura umuntu ku rutonde rw'igihugu iyo isanze atacyujye ibyashingiweho kugira ngo ashirwe ku rutonde, yapfuye cyangwa atakiriho hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p><u>Article 12: Appeal for reconsideration and court referral</u></p> <p>A designated person who is not satisfied with the decision taken against him or her may file his or her appeal for reconsideration in the first instance in writing to the Committee.</p> <p>The appeal for reconsideration is filed within fifteen (15) days of the designated person's being notified of the decision taken against him or her. The Committee decides and notifies its response in writing to designated person within thirty (30) days of receipt of the appeal for reconsideration.</p> <p>A designated person who is not satisfied with a decision of Committee at appeal level may refer the case to a court of law in accordance with relevant legislation.</p> <p><u>Article 13: Domestic delisting</u></p> <p>The Committee delists the person from a domestic list where it determines that a designated person no longer meets the criteria for designation, is dead or no longer exists in accordance with applicable laws.</p>	<p><u>Article 12: Recours pour modification et recours à la juridiction</u></p> <p>Une personne désignée qui n'est pas satisfaite de la décision prise en son contre peut, en première instance, faire recours pour la modification de la décision auprès du Comité.</p> <p>Le recours pour modification de la décision est fait dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à partir de la date à laquelle la personne désignée a été notifiée de la décision à son contre. Le Comité prend la décision sur la demande et la communique par écrit à la personne désignée dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours comptés de la réception de la demande pour modification.</p> <p>Une personne désignée qui n'est pas satisfaite d'une décision du Comité sur le recours, peut adresser l'affaire à une juridiction selon la législation en la matière.</p> <p><u>Article 13: Radiation sur liste interne</u></p> <p>Le Comité radie une personne de la liste nationale lorsqu'il considère que la personne désignée ne remplit plus les critères de désignation, est décédée ou n'existe plus conformément aux lois applicables.</p>
---	--	---

<p>Nyuma y’uko izina n’ibiranga umuntu washyizwe ku rutonde bikuwe ku rutonde, Komite igeza imenyeshya aho uwakuwe ku rutonde yatuye bwa nyuma cyangwa aho akorera mu Rwanda.</p> <p>Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari ruhita rumenyekanisha urutonde ruhujwe n’igihe ku rwego rugenzura, ku bashinzwe gutanga amakuru no ku rundi rwego rwa Leta cyangwa urw’abikorera bireba.</p> <p><u>Icyiciro cya 3: Uburyo bwerekeye gushyira ku rutonde mpuzamahanga</u></p> <p><u>Ingingo ya 14: Kumenyekanisha urutonde rw’ibihano by’umuryango w’abibumbye</u></p> <p>Minisiteri ifite ububanyi n’amahanga mu nshingano ishyikiriza Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari intonde zose zakozwe n’Akanama k’Umutekano n’urutonde rw’ibihano cyangwa urundi rutonde rusa n’izo rwatanzwe muri urwo rwego kandi ikamenyeshya abagize Komite bese.</p> <p>Urwego rushizwe Ubutasi ku Mari rumaze kubona urutonde rw’ibihano, rurukwirakwiza ku rwego rugenzura no ku bashinzwe gutanga amakuru kandi rukabitangaza ku rubuga rwarwo rw’ikoranabuhanga.</p>	<p>After the name and other particulars of the designated person have been removed from the list of designated persons, the Committee serves a notice to the person’s last known residence address or business address in Rwanda.</p> <p>The Financial Intelligence Centre immediately disseminates the updated list of designated persons to the supervisory authority, the reporting persons and any other relevant public or private institution.</p> <p><u>Section 3: International designation procedure</u></p> <p><u>Article 14: Dissemination of United Nations Sanctions list</u></p> <p>The Ministry in charge of foreign affairs submits, all designations made by the Security Council and any sanctions list or other similar list issued in connection therewith, to the Financial Intelligence Centre and informs all members of the Committee.</p> <p>Upon receipt of the sanctions list, the Financial Intelligence Centre circulates the sanctions list to the supervisory authority and reporting persons and publishes it on its website.</p>	<p>Après que le nom et autre identification de la personne désignée ont été enlevés sur la liste des personnes désignées, le Comité signifie l’avis à la dernière adresse de la personne ou à l’adresse où elle fait ses affaires au Rwanda.</p> <p>Le Centre de Renseignement Financier communique sans délai la liste des personnes désignées mise à jour à l’autorité de supervision, aux personnes déclarantes et à toute autre institution publique ou privée concernée.</p> <p><u>Section 3: Procédure relative à la désignation internationale</u></p> <p><u>Article 14: Diffusion de la liste des sanctions des Nations Unies</u></p> <p>Le ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions soumet au Centre de Renseignement Financier toutes les désignations faites par le Conseil de Sécurité et toute liste de sanctions ou autre liste similaire émise à ce titre, et en informe tous les membres du Comité.</p> <p>Dès réception de la liste des sanctions, le Centre de Renseignement Financier la diffuse auprès de l’autorité de supervision et des personnes déclarantes et la publie sur son site Internet.</p>
--	---	---

<p>Urwego rugenzura rushobora gutanga amabwiriza ku bashinzwe gutanga amakuru bafite amafaranga cyangwa undi mutungo w'umuntu washyizwe ku rutonde.</p> <p><u>Ingingo ya 15:</u> Ubusabe bwo gushyira umuntu ku rutonde mpuzamahanga</p> <p>Komite ishinzwe kumenya umuntu wujuje ibishingirwaho kugira ngo ashirwe ku rutonde rw'ibihano by'Umuryango w'Abibumbye.</p> <p>Umuntu wakiriye cyangwa akamenya amakuru yose yafasha gushyira umuntu ku rutonde rw'ibihano by'Umuryango w'Abibumbye yohereza ayo makuru kuri Komite.</p> <p>Iyo hari impamvu zifatika zemeza ko umuntu yujuje ibishingirwaho ngo ashirwe ku rutonde, Komite ishyikiriza Komite y'Umuryango w'Abibumbye bireba ubusabe bwo gushyira umuntu ku rutonde, binyuze mu nzira za dipolomasi.</p> <p>Ubusabe bwo gushyira umuntu ku rutonde mpuzamahanga ntabwo bushingira ku kuba hariho ibikorwa by'ikurikiranacyaha kandi butangwa bitabaye ngombwa kumenyeshya umuntu usabirwa gushyirwa ku rutonde.</p>	<p>The supervisory authority may provide guidance to the reporting persons holding funds or other assets of a designated person.</p> <p><u>Article 15:</u> International designation proposal</p> <p>The Committee is responsible for identifying a person who meets the criteria to be designated on a United Nations Sanctions List.</p> <p>A person who receives or becomes aware of any information relevant to the designation of a person on a United Nations Sanctions List transmits that information to the Committee.</p> <p>If there are reasonable grounds to believe that a person meets the designation criteria, the Committee submits a proposal of a person to the relevant United Nations Sanctions Committee, through diplomatic channels.</p> <p>A proposal for designation is not conditional upon the existence of criminal proceedings and operates without prior notice to the proposed person to be designated.</p>	<p>L'autorité de supervision peut fournir des orientations aux personnes déclarantes détenant des fonds ou autres actifs d'une personne désignée.</p> <p><u>Article 15:</u> Proposition de la désignation internationale</p> <p>Le Comité est chargé d'identifier une personne qui remplit les critères pour être désignée sur une liste de sanctions des Nations Unies.</p> <p>Toute personne qui reçoit ou prend connaissance d'une information pertinente pour la désignation d'une personne sur une liste de sanctions des Nations Unies transmet cette information au Comité.</p> <p>S'il existe des motifs raisonnables de croire qu'une personne répond aux critères de désignation, le Comité soumet une proposition de désignation d'une personne au Comité des sanctions des Nations Unies concerné, par voie diplomatique.</p> <p>Une proposition de désignation n'est pas subordonnée à l'existence d'une procédure pénale et fonctionne sans notification préalable à la personne proposée à être désignée.</p>
---	---	---

<p>Mu gusaba ko umuntu ashwirwa ku rutonde rwa komite ishinzwe ibihano by'umuryango w'abibumbye, Komite –</p> <p>1° ikurikiza inzira ziteganyijwe, harimo no gukoresha impapuro zabugenewe zikoreshwa mu gushyira umuntu ku rutonde zikubiye mu cyemezo cy'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe Umutekano cyangwa zishobora kwemezwa na ko;</p> <p>2° itanga amakuru ajyanye n'umuntu wasabiwe gushyirwa ku rutonde, harimo:</p> <p>a. amakuru afasha kumenya umwirondoro w'umuntu nyakuri;</p> <p>b. inyandiko ikubiyemo ibisobanuro birambuye ku mpamvu z'ishyirwa ku rutonde, harimo amakuru yihariye ashigikira icyemezo cy'uko umuntu yujuje ibishingirwaho bijyanye n'ishyirwa ku rutonde, imiterere y'amakuru, amakuru ashigikira inyandiko cyangwa inyandiko zishobora gutangwa, hamwe n'ibisobanuro birambuye ku isano yaba iri hagati y'umuntu</p>	<p>In proposing for designation to the relevant United Nations Sanctions Committee, the Committee–</p> <p>1° follows the procedures, including using standard forms for designation, contained in or as may be adopted pursuant to any relevant United Nations Security Council Resolution;</p> <p>2° provides relevant information on the proposed person, including:</p> <p>a. identifying information to allow for the accurate and positive identification of the person;</p> <p>b. a statement of case which contains details on the basis of the designation, including specific information supporting a determination that the person meets the relevant designation criteria, the nature of the information, supporting information or documents that can be provided, and details of any connection between the proposed person and any currently designated person;</p>	<p>En proposant pour la désignation au Comité des sanctions des Nations Unies compétent, le Comité–</p> <p>1° suit les procédures, y compris l'utilisation de formulaires types de désignation, contenues dans toute résolution pertinente du Conseil de sécurité des Nations Unies ou pouvant être adoptées en vertu de celle-ci;</p> <p>2° fournit des informations pertinentes sur la personne proposée, y compris:</p> <p>a. des informations d'identification permettant une identification précise et positive de la personne;</p> <p>b. un exposé des motifs qui contient des détails sur le fondement de la désignation, y compris des informations spécifiques permettant de déterminer que la personne répond aux critères de désignation pertinents, la nature des informations, les informations ou documents justificatifs qui peuvent être fournis, et des détails sur tout lien entre la personne proposée et toute personne actuellement désignée;</p>
---	--	--

<p>wasabiwe gushyirwa ku rutonde n'undi muntu ururiho;</p> <p>c. kugaragaza, aho bibaye ngombwa, niba Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano idashobora kumenyekanisha u Rwanda nk'igihugu cyasabye ishyirwa ku kutonde;</p> <p>d. andi makuru ya ngombwa yasabwa mu cyemezo icyo ari cyo cyose cy'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano.</p> <p>Amakuru ayo ari yo yose yatanzwe akoreshwa kandi agatangazwa hubahirijwe ibisabwa ku makuru yahawe Akanama k'Umuryango w'Abibumbye Gashinzwe Ibihano, hashingiwe ko nyandiko ikubiyemo ibisobanuro birambuye ivugwa mu gace ka 2° k'igika cya 5 cy'iyi ngingo itangazwa bisabwe na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano, usibye ibice Komite igaragaza ko ari ibanga.</p> <p><u>Ingingo ya 16: Kumenyesha uwashyizwe ku rutonde</u></p> <p>Iyo umuntu washyizwe ku rutonde ari Umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda,</p>	<p>c. specify, where applicable, whether the relevant United Nations Sanctions Committee may not make known the status of Rwanda as a State that proposed the designation;</p> <p>d. other relevant information as may be required under any United Nations Security Council Resolution.</p> <p>Any given information is subject to conditions restricting the use and disclosure of the information imparted to the relevant United Nations Sanctions Committee, provided that the statement of case referred to in item 2° of Paragraph 5 of this Article, upon request, is disclosed by the relevant United Nations Sanctions Committee, except for the parts the Committee identifies as being confidential.</p> <p><u>Article 16: Notification of designation</u></p> <p>If a designated person is a citizen or resident in Rwanda, or is incorporated or registered in</p>	<p>c. préciser, le cas échéant, si le Comité des Sanctions des Nations Unies concerné ne peut pas faire connaître le statut du Rwanda en tant qu'État ayant proposé la désignation;</p> <p>d. toute autre information pertinente qui pourrait être requise en vertu d'une résolution du Conseil de sécurité des Nations Unies.</p> <p>Toute information donnée est soumise à des conditions limitant l'utilisation et la révélation des informations communiquées au Comité des Sanctions des Nations unies compétent, à condition que l'exposé des faits visé au point 2° de l'alinéa 5 du présent article soit révélé, sur demande, par le Comité des Sanctions des Nations Unies compétent, à l'exception des parties que le Comité désigne comme confidentielles.</p> <p><u>Article 16: Notification de la désignation</u></p> <p>Si une personne désignée est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou est constituée ou</p>
--	---	---

<p>cyangwa ikigo gikorera cyangwa cyanditswe mu Rwanda, Komite ikora imenyeshya ku washizwe ku rutonde hakurikijwe ibivugwa mu gika cya 2 cy'ingingo ya 11 y'iri teka. Imenyeshya rigaragaza ibi bikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° incamake yerekana impamvu z'ishyirwa ku rutonde; 2° ibisobanuro ku ngaruka zo gushyirwa ku rutonde nk'uko biteganyijwe mu myanzuro y'Akanama k'umuryango w'abibumbye gashinzwe umutekano; 3° uburyo bukurikizwa na Komite y'umuryango w'abibumbye yamushyize ku rutonde mu gusuzuma ubusabe bwo gusibwa ku rutonde; 4° ingingo zerekeye uburenganzira uwashyizwe ku rutonde yemerewe, harimo, iyo bishoboka, ko ashobora gusaba ubwo burenganzira binyujijwe ku mboni. <p><u>Ingingo ya 17: Ubusabe bwo gusibwa ku rutonde</u></p> <p>Umuntu washyizwe ku rutonde mpuzamahanga asaba gusibwa ku rutonde abinyujije ku biro by'Umuvunyi Mukuru</p>	<p>Rwanda, the Committee notifies the designated person of such designation in accordance with provisions of Paragraph 2 of Article 11 of this Order. The notification includes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° the narrative summary of reasons for designation; 2° a description of the effects of designation, as provided in the relevant United Nations Security Council Resolutions; 3° the relevant United Nations Sanctions Committee's procedures for considering delisting requests; 4° the provisions regarding the rights of the designated person, including where relevant, the possibility of submitting such requests through the Focal Point. <p><u>Article 17: Request for delisting</u></p> <p>A designated person submits a request for delisting directly to the Office of the</p>	<p>enregistrée au Rwanda, le Comité notifie cette désignation à la personne désignée conformément aux dispositions de l'alinéa 2 de l'article 11 du présent arrêté. La notification comprend:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° le résumé narratif des raisons de la désignation; 2° une description des effets de la désignation, conformément aux résolutions pertinentes du Conseil de sécurité des Nations Unies; 3° les procédures du Comité des sanctions des Nations Unies compétent pour l'examen des demandes de radiation de la liste; 4° les dispositions relatives aux droits de la personne désignée, y compris, le cas échéant, la possibilité de soumettre ces demandes par l'intermédiaire du point focal. <p><u>Article 17: Demande de radiation</u></p> <p>Une personne désignée soumet une demande de radiation directement au Bureau du Médiateur de</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 26/08/2021

<p>w'Umuryango w'abibumbye cyangwa ku mboni.</p> <p>Icyakora, umuntu washyizwe ku rutonde ufite ubwenegihugu bw'u Rwanda cyangwa utuye mu Rwanda, cyangwa ikigo gikorera cyangwa cyanditswe mu Rwanda, ashobora gushyikiriza ubusabe bwo gusibwa ku rutonde Komite.</p> <p>Iyo Komite ibona ko umuntu washyizwe ku rutonde atacyujye ibyashingiweho ashirwa ku rutonde, isaba Komite y' Umuryango w'abibumbye bireba gusiba uwo muntu ku rutonde binyuze mu nzira za dipolomasi.</p> <p>Mu gusaba Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe ibihano gusiba umuntu ku rutonde, Komite ikurikiza uburyo bwagenwe, harimo no gukoresha inyandiko iyo ari yo yose yabugenewe yemejwe na Komite y'Umuryango w'Abibumbye ishinzwe ibihano, kandi ubusabe bukagaragaza neza impamvu zashingiweho mu gusaba gusiba umuntu ku rutonde, amakuru yose yafasha n'inyandiko iyo ari yose ishimangira ubusabe.</p>	<p>Ombudsperson of the United Nations or the Focal Point.</p> <p>However, a designated person who is a citizen of Rwanda or a resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, may submit a request for delisting to the Committee.</p> <p>If Committee is of the view that a designated person no longer meets the criteria for designation, it submits a request for delisting to the relevant United Nations Committee via diplomatic channels.</p> <p>When submitting a request for delisting to the relevant United Nations Sanctions Committee, the Committee follows such procedures, including using any standard form for delisting as may be adopted by the relevant United Nations Sanctions Committee, and the request contains the reasons for submitting the delisting request, any relevant information and any documentation supporting the request.</p>	<p>l'Organisation des Nations Unies ou au Point Focal.</p> <p>Toutefois, une personne désignée qui est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou qui est constituée ou enregistrée au Rwanda, peut soumettre une demande de radiation au Comité.</p> <p>Si le Comité estime qu'une personne désignée ne remplit plus les critères de désignation, il soumet une demande de radiation au Comité compétent des Nations unies par la voie diplomatique.</p> <p>Lorsqu'il soumet une demande de radiation de la liste au Comité des sanctions des Nations Unies compétent, le Comité suit les procédures, y compris l'utilisation de tout formulaire standard de radiation de la liste adopté par le Comité des sanctions des Nations Unies compétent, et la demande contient les raisons de la soumission de la demande de radiation de la liste, toute information pertinente et toute autre documentation justifiant la demande.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 18:</u> Ubusabe bwo gusiba ku rutonde abantu bapfuye n’ibigo bitakiriho</p> <p>Iyo umuntu washyizwe ku rutonde ari umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda, cyangwa ikigo cyanditswe mu Rwanda, kandi hakaba hari ibimenyetso byemeza ko uwo muntu yapfuye cyangwa atakiriho, Komite, ibinyujije muri Minisiteri ifite ububanyi n'amahanga mu shingano, yohereza Komite y’Umuryango w’Abibumbye ishizwe ibihano ubusabe bwo gusiba ku rutonde uwo muntu.</p> <p>Iyo Komite isabye Komite y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe ibihano gusiba umuntu ku rutonde, ikurikiza uburyo, harimo no gukoresha inyandiko iyo ari yo yose yabugenewe yemejwe na Komite y’Umuryango w’Abibumbye ishinzwe ibihano, kandi ubusabe bukagaragaza neza impamvu zashingiweho mu gusaba gusiba ku rutonde n’inyandiko iyo ari yose ishimangira ubusabe.</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Gutangaza, kumenyesha, no kumenyekanisha ugusiba ku rutonde</p> <p>Iyo umuntu wasibwe ku rutonde ari umunyarwanda cyangwa atuye mu Rwanda cyangwa ikigo cyanditswe mu Rwanda, izina rye ritangazwa kandi rikamenyekanishwa ko ryasibwe ku rutonde hakurikijwe ibiteganywa</p>	<p><u>Article 18:</u> Delisting requests for dead individuals and defunct entities</p> <p>If a designated person is a citizen or resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, and is confirmed to be dead or no longer exist, the Committee, through the Ministry in charge of foreign affairs, submits to the United Nations Sanctions Committee a request for the delisting of that person.</p> <p>When submitting a request for delisting to the relevant United Nations Sanctions Committee, the Committee follows such procedures, including using any standard form for delisting as may be adopted by the relevant United Nations Sanctions Committee, and the request contains the reasons for submitting the delisting request and any documentation supporting the request.</p> <p><u>Article 19:</u> Publication, notification, and dissemination of delisting</p> <p>If a delisted person is a citizen or resident of Rwanda, or is incorporated or registered in Rwanda, the name of the delisted person is published and disseminated in accordance with provisions of Article 10 of this Order. The</p>	<p><u>Article 18:</u> Demandes de radiation pour les personnes décédées et les entités défuntes</p> <p>Si une personne désignée est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou est incorporée ou enregistrée au Rwanda, et qu'il est confirmé qu'elle est décédée ou n'existe plus, le Comité, par l'intermédiaire du Ministère ayant les affaires étrangères dans ses attributions soumet au Comité des sanctions des Nations Unies une demande de radiation de cette personne.</p> <p>Lorsqu'il soumet une demande de radiation au Comité des sanctions des Nations Unies compétent, le Comité suit les procédures, y compris l'utilisation de tout formulaire standard de radiation de la liste adopté par le Comité des sanctions des Nations unies compétent, et la demande contient les raisons de la soumission de la demande de radiation et toute documentation justifiant la demande.</p> <p><u>Article 19:</u> Publication, notification et diffusion de la radiation</p> <p>Si une personne radiée est un citoyen ou un résident du Rwanda, ou est constituée ou enregistrée au Rwanda, le nom de la personne radiée est publié et diffusé conformément aux dispositions de l'article 10 du présent arrêté. Le</p>
--	---	---

<p>n'ingingo ya 10 y'iri teka. Komite imenyasha uwo muntu cyangwa icyo kigo ko cyasibwe ku rutonde hakurikijwe ibiteganywa n' igika cya 2 cy'ingingo ya 11 y'iri teka.</p>	<p>Committee notifies the delisted person of such delisting in accordance with provisions of Paragraph 2 of Article 11 of this Order.</p>	<p>Comité notifie la personne radiée de la liste conformément aux dispositions de l'alinéa 2 de l'article 11 du présent arrêté.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV: DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 20: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></p>	<p><u>Article 20: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></p>	<p><u>Article 20: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></p>
<p>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta, Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane, Minisitiri w'Ingabo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>The Minister of Justice and Attorney General, the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation, the Minister of Defence and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux, le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale, le Ministre de la Défense et le Ministre des Finances et de la Planification Économique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><u>Ingingo ya 21: Ivanwaho ry'ingingo z'amateka zinyuranyije n'iri keka</u></p>	<p><u>Article 21: Repealing provision</u></p>	<p><u>Article 21: Disposition abrogatoire</u></p>
<p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p>	<p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent Arrêté sont abrogées.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p>	<p><u>Article 22: Commencement</u></p>	<p><u>Article 22: Entrée en vigueur</u></p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Le présent Arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 26/08/2021

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux